

KAMONYI

AMAKURU

Edition 4: Kamena 2023

IGISHUSHANYO MBONERA CY'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA CY'AKARERE 2050
IKINYARWANDA


INGINGO Z'INGENZI MU GUFATA IMYANZURO N'AMAHTAMO Y'ITERAMBERE RISHINGIYE KU GISHUSHANYOMBONERA MU KARERE KA KAMONYI

Buri terambere ryose rishingiye ku ikoresha neza ry'ubutaka ahariho hose ku isi, riba rigamije kuzamura agaciro k'ubutaka n'uko mu bihe biri imbere bene ubwo butaka buzakoresha mu guhindura isura n'iterambere rirambye.

Mugihe cy'ibikorwa bigamije itegurwa ry' igishushanyombonera, hategurwa uburyo butandukanye bw'itanga makuru y'ibyifuzo biturutse ku bafatanyabikorwa batandukanye b'ingeri zose.

Ariko rero kuko habaho gushishoza bene ayo makuru akubiyemo ibyifuzo no gusuzuma ibyo bafitiye ububasha, birangira habayeho gutegura inyigo zitandukanye kugira ngo habeho amahitamo anogeye abaturange. Ni muri ubwo buryo n'abatuye Akarere ka Kamonyi babashije kugira uruhare mu gushyishoza ibishoboka nubwo hari ibitekerezo bizabanza gukorerwa ubugororangingo mbere y'uko bishyirwa mu bikorwa.

Kimwe mu nyuganizi y'iterambere riteganijwe mu Karere ka Kamonyi ni uko akarere kagifite ubutaka bunini bwo gukoreraho ibikorwa by'iterambere bukabakaba 55% y'ubutaka bwose bw'Akarere. Ibi bitanga icyizere ko nibura byinshi byatanzwe nk'ibyifuzo bizagerwaho bityo rero bikorohera bese gushyira



kwibuka29
remember-unite-renew



@KwibukaRwanda | @Unity_MemoryRw | #Kwibuka29

www.kwibuka.rw | www.minubumwe.gov.rw

kwibuka29
kwibuka twiyubaka



mu bikorwa igishushanyo mbonera. Bimwe mu by'ingezi byagiye bisubirwaho kubera akamaro kabyo mu ikorehwa neza ry'ubutaka no gushyira mu bikorwa ibyifuzo n'indagagaciro by'abaturage bigizwe n'imiterere y'ubutaka cyane cyane ubuhaname bwabwo, ubutaka bw'ubuhinzi, kubungabunga ibidukikije no gukumira ibishanga, ibiyaga n'ayandi masoko y'amazi n'ubukungu mu iterambere rirambye.

Ubuhaname bw'ubutaka bw'Akarere, kimwe mu by'ibanzweho mu guhitamo inyigo ibereye ikorehwa ry'ubutaka bwa Kamonyi.

Ubutaka buteye neza cyane ku rwego ruberanye n'ibikorwa by'iterambere mu Karere ka Kamonyi burangwa no kuva kuri 0-30 dogere, bugize 37% byoyine by'ubutaka bwose bw'Akarere. Ubundi butaka bungana na 48%, n'ubwo bitagorana cyane kububya umusaruro burangwa n'ubuhaname buri hagati ya 30-55 dogere. Ahasigaye hose harangwa n'ubuhaname buri hejuru ya 55 dogere, bitaberanye n'ibikorwa by'ubwubatsi.

Mu gihe akarere karangwa n'ubwiyongere bw'abaturage bitewe n'uko kaberanye n'imiturire nko kuba ari Akarere kari hafi y'umurwa mukuru wa Kigali n'imibereho iciriritse, bene aho hantu hahanamye hazatera imbogamizi mu iterambere rigamije imibereho myiza y'abaturage.



Ubuhinzi ni kimwe mu byagendeweho mu guhitamo inyigo izayobora igishushanyombonera

Ikorehwa ry'ubutaka cyane cyane mu bikorwa by'ubuhinzi, rirangwa no kutubahiriza amabwiriza ajyenewe kurinda bene ubwo butaka kubera izamuka ry'umubare w'abaturage. Ibi kandi bikaba ari ibintu bigenda bigaragara mu Karere ka Kamonyi aho bisabwa kwita no kurinda cyane ubutaka bugenewe ubuhinzi kugira ngo haboneke ibiribwa bihagije abatuye akarere.

Ubuhinzi ni kimwe mu bintu by'ingenzi mu gushyigikira sosiyete no kuzamura ubukungu ku isi hose.

Mu Rwanda, nkuko bigaragazwa raporo z'igihugu, 48% by'akazi kose kazoze gashingiye ku bikorwa by'urwego rw'ubuhinzi mu 2022.

Uru rwego rero, biteganijwe ko ruzakomeza kuba rumwe mu bintu by'ingenzi mu kuzamura ubukungu bw'igihugu.

Ariko rero ubutaka bw'ubuhinzi bukomeje kuvogerwa n'abaturage



bo mu Karere ka Kamonyi kandi ari kimwe mu bintu by'ingenzi mu kuzamura iterambere n'ubukungu bw'Akarere.

Rero bisaba ko hashyirwaho imbaraga nyinshi mu kurinda ubutaka bwagenewe ubuhinzi n'ibindi bikenerwa mu kuzamura ubukungu nkuko bizasobanurwa mu nyigo yatoranijwe yo gukoresha ubutaka.

Ibishanga, inzuri, n'ayandi masoko y'amazi n'icyo bivuze mu ikorehwa ry'ubutaka rinogeye iterambere rirambye

Mu bikenerwa mu buzima bwa buri muntu ntaburamo amazi bitewe n'akamaro afitiye ikiremwa muntu. Ni hafi ya buri gikorwa ko gikenera amazi, cyane cyane ubuhizi n'ibikorwa bigamije kuzamura ubukungu.



Mu Karere ka Kamonyi rero, muri byinshi byagiye bisubirwaho bitewe n'ibyifuzo by'inzego zitadukanye kandi n'inama ya kimwuga kuva mu nzobere, n'ukuntu inyigo y'igishushanyombonera yose abafatanyabikorwa bahitamo yakwita ku kubungabunga ibidukikije cyane cyane ibishanga, imigezi, n'ayandi masoko yamazi kugira ngo abaturage babashe kubaho neza.

Rero mu buryo burambuye, inyigo y'igishushanyombonera igomba kwita ku bijyanye no kurinda ibidukikije.

Ubutaka bugize ibishanga mu Karere ka Kamonyi bungana na 57 SQKM, muri bwo 54 SQKM bubarizwa mu byiciro by'ahitonderwa byashizweho na REMA kandi SQKM 3 nizo zashyizwe mu kicyiro zonyine nizo zibarizwa mu kicyiro kidafite inkumirizi nyinshi.

Bimwe mu bipimo biva mu nyigo zitadukanye byerekana ko Akarere gashoboraguhuran'ibibazobijyanye n'imihindagurikire y'ikirere n'amazi adahagije bitewe n'ubwiyongere bw'abaturage bityo rero bigasaba

ko hashirwaho ingamba nyinshi mu kurinda ibishanga n'andi masoko y'amazi.

Iterambere rishingiye ku nyigo y'igishushanyombonera iteza imbere ibikorwa bizamura ubukungu mu Karere

Ihitamo ry'inyigo y'igishushanyombonera cy'Akarere ka Kamonyi ryarebeye hamwe iterambere rusange iberanye n'ibiyifuzo by'abafatanyabikorwa, n'abaturage bose kugirango



babashe kugira uruhare mu ishirwa mu bikorwa ibikubiye muriyo nyigo. Iyo nyigo igomba kwita ku ntego z'iterambere ry'igihugu riganisha

kuzamura ubukungu no gukura u Rwanda mu bihugu bibarizwa mu bikenye ku isi.

Ni muri ubwo buryo iyo nyigo igomba gushyiraho uburyo bushoboka bwose bwo gutanga no guha amahirwe abatuye mu karere ka Kamonyi.

Amahirwe agaragara, nuko akarere kagifite igice kinini cy'ubutaka bwakorerwaho ibikorwa bigamije iterambere ku baturage bugera kuri 55% by'ubutaka bwose. Imishinga igamije gushyira Akarere munzira y'iterambere kifuzwa igomba gutegurwa hashingiye kuri ubwo butaka ariko nanone hakabaho kuzirikana ibizakenerwa n'abadukomokaho mu bihe bizaza.

Iyo nyigo igomba kwita ku ntego z'iterambere ry'igihugu riganisha kuzamura ubukungu no gukura uRwanda mu

Ariko na none hari ibindi bintu biteganyijwe ko bizaba imbarutso y'iterambere cyane cyane, izamuka ry'ubukungu harimo nko kuba Akarere ka Kamonyi gaturiyeye umuhanda munini ugahuza n'umurwa mukuru Kigali n'utundi Turere tubarizwa mu Ntara y'amajyepfo.

Ikirenze ibyo, birashoboka ko umuhanda wa gari ya moshi uhuzwa u Burundi uzanyura mu Karere ka Kamonyi, nkuko bigaragara mu nyigo zitandukanye. Kandi nabyo byazaba inyongera mu bikorwa bizamura ubukungu bitewe n'urujya n'uruza rw'abantu baturutse mu bihugu bihana imbibi n'uRwanda.



Iseesengura ku mahitamo y'inyigo z'igishushanyombonera zitandukanye

Iseesengura ryakozwe ku bijyanye n'ibiyifuzo by'abaturage nkuko bagiye babigaragaza mu bikorwa byari bigamije gutanga ibitekerezo no kujya inama ku ikoreshwa neza ry'ubutaka, ryasojwe hakozwe inyigo ebyiri zitandukanye kugira ngo abafatanyabikorwa bagire amahirwe yo guhitamo inyigo irushijeho kuba nziza.

Izi nyigo ebyiri harimo izwi nka *Monocentric*, bisobanura iterambere ry'ibanda ku guteza imbere igice gito cy'Umujyi cyane cyane hashingiwe ku bikorwa remezo bisanzwe bihari nk' umuhanda cyangwa ku iterambere ryari rimaze kugerwaho muri icyo gihe nko kuba ariho hari igice kinini kigize umujyi.

Iyindi nyigo izwi nka *Polycentric* bisobanuye iterambere rusange ry'ahantu hose hagaragara kuba hakwitabwaho kugira ngo ibikorwa na serivisi binoze bigere ku baturage hose.


Nubwo izi nyigo zombi zifite byinshi zihuriyeho imwe niyo izakoresha bitewe n'amahitamo yakozwe n'abafatanyabikorwa ariyo *Polycentric District Development Model* ijyanye n'indangagaciro, ibiyifuzo byabaturage n'imitere y'ubutaka.

Iterambere rishingiye ku ma santire yegereye ibikorwa remezo (*Monocentric*)

Iterambere rishingiye ku nyigo

MAPPING THE CONCEPT





ya *Monocentric* ryibanda ku iterambere ryahagize umujyi rwagati n'udusantire twegeraye imihanda n'ibindi bikorwa remezo gusa. Rihuzza serivisi zo ku rwego rw'akarere zirimo uburezi, ubucuruzi, imari n'ahantu hagaragara ko hamaze kujya umujyi.

Hamwe muriho haragwa n'iterambere rishingiye ku muhanda wa Kigali-Kamonyi-Muhanga bitewe n'ubushobozi bwaho bwo kuzamura ubukerarugendo.

Ikindi kandi n'uko harangwa n'ishoramari nk'uruganda rwa Anjia Cement n'uruganda rwa Ceramics muri Muhanga, ari inganda ziza mu zambarwe nini zikora ibikoresho by'ubwubatsi mu Rwanda.

Iyi nyigo kandi n'ingenzi mu gushyigikira ubukerarugendo mu karere cyane cyane mu guteza imbere ahazwi nka Ijuru rya Kamonyi, Ibiti Bitanu, Ibitare by Mushyi n'ishyamba rya Nyungwe.

Igishushambonera gishingiye ku nyigo izamura iterambere mu Karere hose (*Polycentric*)

Iyi nyigo yo kandi irebera hamwe izamura ry'iterambere mu karere hose hifashishijwe ahantu hose hagaragaraho ko hahabwa amahirwe y'iterambere.

Byinshi bikubiye mu nyigo ya *monocentric* nabyo bikubiye muri iyi nyigo ya *polycentric*, bityo rero bikaba akarusho mu iterambere ry'Akarere ka Kamonyi.

Iyi nyigo yiterambere byumwihariko izirikana kubungabunga ubutaka bw'ubuhinzi kugira ngo haboneke


umusaruro uhagije. Ibirenzeho na none n'uko inyigo ya polycentric iteganya kuzamuka mu iterambere ry'udusantire twose mu karere cyangwa se ibizwi nka (*rurban*), mu bucuruzi bunini

no guteza imbere inganda nshya zitunganya ubuhinzi n'zindi nganda ziri hanze y'imbibi z'umujyi.


Guhitamo inyigo y'igishushanyombonera inogeye Akarere ka Kamonyi

Nyuma yisesengura rymbitse, inyigo zombi zerekana neza ibishoboka mu mikoreshereze y'ubutaka bw'Akarere ka Kamonyi kandi n'iterambere rusange ry'igihugu. Ariko hagombaga kubaho amahitamo hagati y'inyigo zombi. Itsinda ryashinzwe kugira ngo rikurikiranire hafi itegurwa ry'igishushanyombonera no gutanga inama, ribifashijwemo na bamwe mu nzobere baturuka mu itsinda ry'abarwiyememezamirimo ryahisemo iterambere rizwi nka *Polycentric District Development Model* kubera ari iterambere ryagutse ryita ku byifuzo by'abaturage, iterambere imijyi, imidugudu n'icyaro aho kwibanda ku mijyi gusa.

Strategy: "Follow the trends"



INYIGO YATORANIJWE



ICYEREKEZO CYAHISWEMO
CENTRE FOR SUSTAINABLE EXTRACTION, AGRO PROCESSING AND CREATIVE INDUSTRIES

